# LIDA Stories

lidastories.net

## Inkuru ya Malik / Malik's story

✎ LIDA Italia
Vilius Aistis Vilimas
Abisange Iragena Sandrine (rw)

This work is licensed under a Creative Commons Attribution 4.0 International License.
https://creativecommons.org/licenses/by/4.0

## Inkuru ya Malik

## Malik's story

LIDA Italia
Vilius Aistis Vilimas
Abisange Iragena Sandrine

4

Ikinyarwanda rw / English en

Nitwa Malik, nkaba mfite imyaka 39. Navukiye muri Afuganisitani. Idini ryanjye ritandukanye n'iryo abanyafuganisitani benshi barimo.

• • •

My name is Malik and I am 39 years old. I was born in Afghanistan. My religion is different from the main religion in Afghanistan.

Nizeye ko umunsi umwe nzasubira muri Afuganisitani. Abantu benshi bariyo bakeneye ubufasha, kandi nifuza kubafasha.

. . .

I hope to go back to Afghanistan one day. Many people there need help, and I want to help them.



Abantu duhuje idini bamaze imyaka myinshi batotezwa. Byakomereye umuryango wanjye cyane.

. . .

For many years, people who belong to my religion have been persecuted. This has been very difficult for my family.

Mu myaka mike ishize, habaye intambara. Natinyaga ko nzicwa. Nasize umuryango wanjye njya gutangira ubuzima bushya i Burayi.

• • •

A few years ago there was a war. I was afraid I would be killed. I left my family to go to Europe and start a new life.



Ndangije kwiga natangiye akazi. Nabanje gukora muri resitora, nyuma nza kuba umwarimu kubera ko nifuza gufasha abandi.

• • •

After studying I started working. First I worked in a restaurant, and then I became a teacher because I want to help others.

Nabanje kwiga ururimi imyaka myinshi. Byari bigoye, ariko nshimishwa no kumenya ibintu bishya.

. . .

I studied for several years, at first to learn the language. It was hard, but I enjoy learning new things.



Nakoze urugendo rurerure n’amaguru. Hari ubwo ntabagaga mfite ibyo kurya n’aho kurara. Benshi mu bo twajyanye barapfuye.

. . .

I walked for many kilometres. Sometimes I had no food and nowhere to stay. Some of the people I travelled with died.

Amaherezo naje kugera i Burayi. Nahuye n'abantu dukomoka mu gihugu kimwe baramfasha. Sinzi uko nari kubigenza iyo ntabagira.

. . .

Finally I arrived. I met some people from my own country who helped me. I do not know what I would have done without them.



Natangiye kwiga ururimi ariko byari bigoye. Nari mbizi ko kumenya urwo rurimi byari ngombwa cyane kugira ngo mbone akazi.

. . .

I started to learn the language, but it was hard. I knew that speaking the language was important to get a job.